Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI YATERANYE KU WA 02 KAMENA 2023

## 1. IRIBURIRO

Ku wa Gatanu tariki ya 02 Kamena 2023, inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali, iyoborwa n'Umuyobozi wayo, Umujyanama Dr. KAYIHURA Muganga Didas.

### 1.1 ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA:

Umujyanama Dr. KAYIHURA Muganga Didas
Umujyanama NISHIMWE Marie Grace
Umujyanama BAGUMA Rose
Umujyanama Dr. MPABWANAMAGURU Merard
Umujyanama KAJENERI Mugenzi Christian
Umujyanama MUHUTU Gilbert
Umujyanama RUBINGISA Pudence
Umujyanama URUJENI Martine
Umujyanama RUTERA Rose
Umujyanama UMUTESI Geraldine

### 1.2 UMUJYANAMA UTARITABIRIYE INAMA AFITE IMPAMVU:

Umujyanama BIZIMANA Hamiss

## 2. INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Raporo y'ubugenzuzi ku mitangire ya service mu Mujyi wa Kigali y'igihembwe cya kabiri 2022-2023;
2. Raporo y'ibyemezo by'inama ya Biro na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 02 Gicurasi 2023 ku:
   a. Mushinga w'igenamigambi ry'amasoko rivuguruye ry'Umujyi wa Kigali 2022-2023;
   b. Ikibazo cya HAZIZI Pascal;
   c. Ikibazo cya Jean MEUNIER na NIRERE Edith;
   d. Ikibazo cya MUNYEMANA Jean Baptiste;
3. Raporo ku bibazo 10 by'abaturage Biro y'Inama Njyanama yashyikirije Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali;
4. Raporo ku bibazo 3 by'abaturage byasuzumwe na Komisiyo y'ubukungu, imibereho y'abaturage n'imiyoborere myiza:
   a. KAYITSINGA Emile na bagenzi be 30 basaba gukorerwa ubuvugizi bwo kugabanyirizwa imisoro ihanitse ikomoka k'ubutaka bwabo buherereye ahagenewe inganda kandi bakibutuyemo;
   b. RWAMAKUBA Claudien: Usaba guhindurirwa ibipimo by'imisoro bikava ku mafaranga 10frw kuri metero kare bikaba zero ku butaka buri aho batuye ;
   c. NYIRIMANA M. Therese: Usaba guhindurirwa ibipimo by'amahoro y'isuku muri rusange
5. Raporo y'ibyemezo bya Biro yaguye y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 23 Gicurasi 2023:
   a. Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 172 iri ahazakorerwa umushinga wa RUDP II;
   b. Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 20 iri ahazakorerwa icyiciro cya mbere cy'umushinga wa Bwiza riverside ADHI w'inzu ziciriritse ;
   c. Kugurisha ibibanza by'Umujyi wa Kigali 3 biherereye Nyarutarama, Kacyiru na Kimihurura;
6. Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 932 iri ahazakorerwa imihanda:
   a. Zindiro-Masizi-Birembo-Gasanze;
   b. Akaruvusha-Kagugu;

7. Igenagaciro rivuguruye ry'imitungo 100 aho kuba 85 izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'isoko rusange ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi n'imbuto muri Kigali (Wholesale Market for Fresh Product);
8. Igenagaciro ry'inyongera ry'umutungo wa GASHUGI Innocent wagizweho ingaruka n'ikorwa ry'umuhanda Inyange -Arena -Rusororo;
9. Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 10 izagirwaho ingaruka n'iyagurwa ry'Ibiro by'Umurenge wa Kimisagara;
10. Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 27 izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'ishuri ry'imyuga (TVET) mu Murenge wa Kigali;
11. Kwimura abaturage 14 ku mpamvu z'inyungu rusange zo kubaka umuhanda winjira mu kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kanombe (Kanombe International access road) n'igenagaciro ryayo.
12. Raporo y'isesengura ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize y'ahantu mu Mujyi wa kigali (Phyisical plans) zemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kuva mu mwaka wa 2019;

## 3. GUSUZUMA INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

Mbere yo gutangira inama, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakuye ku murongo w'ibyingwa itanga n'umurongo ku ngingo ziri mu mbonerahamwe ikurikira:

| S/N | INGINGO | IMPAMVU | UMURONGO WATANZWE |
|---|---|---|---|
| 1. | Raporo ku bibazo 10 by'abaturage Biro y'Inama Njyanama yashyikirije Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali | Komite Nyobozi yagaragaje ko hagikorwa isesengura ricukumbuye | Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ko ibi bibazo by'abaturage 10 bizafatwaho ibyemezo na Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali mu gihe Komite Nyobozi izaba yatanze raporo y'isesengura ry'iryo bibazo. |

UMUJYI WA KIGALI INAMA NJYANAMA

| S/N | INGINGO | IMPAMVU | UMURONGO WATANZWE |
|---|---|---|---|
| 2. | Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 27 izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'ishuri ry'imyuga (TVET) mu murenge wa Kigali | Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali yasabye akandi kanya ko kongeramo amakuru acukumbuye ajyanye n'umwanzuro no 74/15.08.2020 wafashwe mbere ku bijyanye n'igenagaciro ry'imitungo y'abaturage yari ku butaka bungana na 1.1ha | Kuzongera kuyishyikiriza Komisiyo y'Ibikorwa remezo n'Imiturire kugira ngo yongere iyisuzume mbere yo kuyigarura mu nama y'Inama Njyanama ngo iyifateho ibyemezo |
| 3. | Raporo y'isesengura ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize y'ahantu mu Mujyi wa Kigali (phyisical plans) zemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kuva mu mwaka wa 2019 | Kubera impamvu z'igihe, Inama Njyanama ntiyasuzumye iyi ngingo. | Izaganirwaho mu nama ya Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali izaterana mu kwezi kwa Kamena 2023 |

**<u>INGINGO YA MBERE:</u> RAPORO Y'IGIHEMBWE CYA KABIRI 2022-2023 Y'UBUGENZUZI KU MITANGIRE YA SERIVISE MU MUJYI WA KIGALI**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho intego y'ubugenzuzi bwakozwe n'Umujyi wa Kigali mu gihembwe cya kabiri 2022-2023 ku mitangire ya serivise mu nzego z'Umujyi wa Kigali zo kumenya:

1. Serivisi zitangwa ku baturage mu rwego rw'Akarere n'Umurenge;
2. Uko inama ziteganywa n'itegeko zikorwa;
3. Uko ibibazo by'abaturage byakirwa, bigakurikiranwa bikanakemurwa;
4. Uko igikorwa cy'umuganda rusange w'abaturage gitegurwa kikanakurikiranwa.

Yagaragarijwe na none ibyagenzuwe birimo:

1. Serivisi z'ubutaka n'ibikorwa remezo;
2. Inama z'Inama Njyanama z'Imirenge n'iz'Utugari
3. Inama za komite y'Umutekano;
4. Umuganda rusange w'abaturage;
5. Ibibazo by'abaturage

Imaze kugaragarizwa ibyagaragaye mu bugenzuzi, imbogamizi n'inama zatanzwe, Inama Njyanama yabyunguranyeho ibitekerezo ifata umwanzuro ukurikira:

***<u>Umwanzuro 501/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye raporo y'ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi mu Mujyi wa Kigali y'igihembwe cya kabiri 2022-2023 isaba gushyira mu bikorwa inama zikurikira:***

a. Kwiga no gushyira mu Mujyi wa Kigali *Call Centre* ifite abakozi bahoraho bayikurikirana umunsi ku wundi ikakira ibibazo by'abaturage ikabitangaho ibisubizo/ibisobanuro, igatanga raporo ku buyobozi bw'Umujyi wa Kigali;
b. Kuzagaragaza icyakozwe n'Umujyi wa Kigali ku nama zatanzwe muri raporo yavuzwe haruguru mu rwego rwo gukemura imbogamizi mu mitangire ya serivisi (abakozi badahagije, ibikoresho bidahagije,...), bizakorwa bitarenze tariki ya 15 Kamena 2023;
c. Kujya habanza kugaragaza muri raporo y'ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi ibyagaragaye muri raporo iyibanziriza, inama zatanzwe n'uko zashyizwe mu bikorwa mbere yo kugaragaza ibyagaragaye muri raporo ikurikiyeho;
d. Kuzageza ku Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali urutonde rw'abaturage bagaragajwe muri raporo ko ibibazo byabo bitarasubizwa, ibibazo bafite n'impamvu ibyo bibazo bidakemuka

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

## <u>INGINGO YA KABIRI</u>: RAPORO Y'IBYEMEZO BY'INAMA YA BIRO NA KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI YATERANYE KU ITARIKI 02.05.2023

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho raporo y'isesengura y'ibyemezo by'inama ya Biro na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 02 Gicurasi 2023 nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| S/N | INGINGO | IBISABWA N'IBYAGARAGAYE MU ISESENGURA |
|---|---|---|
| 2.1 | Umushinga w'igenamigambi ry'amasoko rivuguruye ry'Umujyi wa Kigali 2022-2023 | ▪ Amasoko asanzwe mu mwaka wa 2022-2023: 166<br>▪ Amasoko y'inyongera mu mwaka wa 2022-2023: 16<br>Mu isesengura hagaragaye ko Itegeko No 031/2022 ryo ku wa 21/11/2022, mu ngingo yaryo ya 15 igena ko Inama Njyanama n'izindi nzego zikora nkayo zifite inshingano yo kwemeza igenamigambi ry'amasoko n'irivuguruye |
| 2.2 | Ikibazo cya HAZIZI Pascal | Arasaba guhabwa igice cy'ubutaka bw'Umujyi wa Kigali bufite UPI:1/02/05/01/1587 kingana na 2,374sqm nk'ingurane y'ubutaka bwe yatanze ku bwumvikane n'Umurenge wa Jabana mu Karere ka Gasabo ngo bushyingurwemo.<br><br>Mu isesengura hagaragaye ko HAZIZI Pascal agomba guhabwa igice cy'ubutaka bw'Umujyi bufite UPI:1/02/05/01/1587 kingana na 2,374sqm kuko ku wa 13/03/2010 Inama Njyanama y'Umurenge wa Jabana yafashe umwanzuro wo kuzamuha ingurane y'ubutaka ku bw'Umujyi wa Kigali bufite UPI:1/02/05/01/1587; bituma adashobora kwandikwaho ubutaka. |
| 2.3 | Ikibazo cya Jean MEUNIER na NIRERE Edith | Barasaba guhabwa ubutaka bw'ingurane bw'ubufite bufite UPI 1/01/09/03/8 n'ubuso bungana 908 sqm buherereye mu Karere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyarugenge, Akagari ka Kiyovu, Umudugudu wa *Cercle Sportif* bw'inguranye y'igice cy'ubutaka bwe yatanze ngo bwimurirwemo itiyo y'amazi mu gihe hubakwaga umuhanda wa *Cercle Sportif- Nyamirambo*<br><br>Mu isesengura hagaragaye ko Jean MEUNIER na NIRERE Edith bagomba guhabwa ubutaka bw'ingurane mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'Urukiko no RAD 0094/2021/TGI/NYGE. |
| 2.4 | Ikibazo cya MUNYEMANA Jean Baptiste | Arasaba guhabwa ikibanza cyo guturamo cy'ingurane y'ubutaka bwabo bakwaswemo ibibanza 34 mu cyiswe *Tent Temporary Peermanent* ntisigirwe aho gutura ariko Akarere ka Kicukiro kagafata umwanzuro wo ku |

| S/N | INGINGO | IBISABWA N'IBYAGARAGAYE MU ISESENGURA |
|---|---|---|
| | | muha ikibanza cyo guturamo n'amafaranga 680,000frw nk'ingurane ntanyurwe nabyo agahitamo kugana Inkinko;<br>Mu isesengura hagaragaye ko Jean MUNYEMANA Jean Baptiste agomba guhabwa ubutaka bw'ingurane mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'Urukiko No RAD0048/11/TGI/NYGE. |

***Umwanzuro 502/02.06.2023:** Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza umwanzuro wa Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali wo kwemeza igenamigambi rivuguruye ry'amasoko y'Umujyi wa Kigali ry'umwaka wa 2022-2023, akava ku masoko 166 akaba 182.*

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***Umwanzuro 503/02.06.2023:** Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza umwanzuro wa Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali wo guha Bwana HAZIZI Pascal igice cy'ubutaka bw'Umujyi wa Kigali bufite UPI:1/02/05/01/1587 kingana na 2,374sqm buherereye mu Murenge wa Jabana nk'ingurane y'ubutaka bwe yatanze ngo bugirwe irimbi ry'abatuye mu Murenge wa Jabana.*

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***Umwanzuro 504/02.06.2023:** Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza umwanzuro wa Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali wo guha Jean MEUNIER na NIRERE Edith ubutaka bufite UPI 1/01/09/03/7 n'ubuso bungana na 908sqm buherereye mu Karere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyarugenge, Akagari ka Kiyovu, Umudugudu wa Cercle Sportif mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'urukiko No RAD 0094/2021/TGI/NYGE.*

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***Umwanzuro 505/02.06.2023:** Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza umwanzuro wa Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali wo guha Bwana MUNYEMANA J. Baptiste ikibanza gifite ubuso bungana na metero kare 300 ku gifite UPI 1/02/01/02/3502*

***giherereye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Bumbogo, Akagari ka Musave, Umudugudu wa Ramba mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyemezo cy'Urukiko No RAD0048/11/TGI/NYGE.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

**<u>INGINGO YA GATATU</u>: RAPORO KU BIBAZO 3 BY'ABATURAGE BYASUZUMWE NA KOMISIYO Y'UBUKUNGU, IMIBEREHO Y'ABATURAGE N'IMIYOBORERE MYIZA**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho raporo y'isesengura ku bibazo abaturage bagejeje ku Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| S/N | AMAZINA Y'ABATURAGE | IGISABWA N'ICYAGARAGAYE MU ISESENGURA |
|---|---|---|
| | KAYITSINGA Emile na bagenzi be 30 | Mu izina ry'abaturanyi be arasaba gukorerwa ubuvugizi bwo kugabanyirizwa imisoro ihanitse iterwa n'uko ubutaka bwabo buherereye mu Mudugudu wa Masoro ufite igice cyawo kimaze kubakwamo inganda<br>Mu isesengura hagaragaye ibi bikurikira:<br>-Abaturage ntibashobora kwiteza imbere kuko badafite ubushobozi bwo gukora imishinga ijyanye n'icyo hagenewe;<br>-Guhuza ibyangombwa n'icyahagenewe byakozwe binyuze mu bukangurambaga bwakozwe n'inzego z'ibanze;<br>-Agace batuyemo gateganirijwe inganda mu cyiciro cya gatatu n'icya kane cy'igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali |
| | RWAMAKUBA Claudien | Arasaba guhindurirwa igipimo cy'imisoro (gusonerwa) kikava ku mafaranga 10/m$^2$ kikaba zero (0) ku butaka bwe bufite UPI 1/03/08/06/1555 buherereye muri Rusheshe kuko nta bikorwa remezo by'ibanze bihari.<br>**Mu isesengura hagaragaye ibi bikurikira:** |

| S/N | AMAZINA Y'ABATURAGE | IGISABWA N'ICYAGARAGAYE MU ISESENGURA |
|---|---|---|
| | | Ubutaka buherereye mu gice bibarurwa mu Mirenge yo mu nkengero z'Umujyi wa Kigali kandi hakaba n'ibikorwa remezo by'ibanze biri mu rwego rukenewe: Umuhanda, amazi, amashanyarazi, amashuri,… |
| | NYIRIMANA M. Therese | Arasaba guhindurirwa ibipimo by'amahoro y'isuku muri rusange y'umuryango abereye umuyobozi witwa ***"Initiative pour le Development de l'Enfant (IDE)"***<br><br>Mu isesengura hagaragaye ko *"Initiative pour le Development de l'Enfant (IDE)"* ari Umuryango Nyarwanda utari uwa Leta ugamije inyungu rusange kuko n'ubwo mu ntego zawo havugwa gutera inkunga igikorwa cyose kigamije kurera abana bari hagati ya 0-12 no kubitaho mu ngo ku buryo bunoze hifashishijwe ibikorwa by'uburezi, hagaragaye ko **(a)** ishuri ryigisha abana b'incuke (creche) buri mwana akishyura amafaranga 125,000 Frw buri kwezi, **(b)** ritangirwamo n'amahugurwa (information) yo kwita ku bana bato (earlier childhood education) mu gihe cy'ukwezi n'igice yishyurwa amafaranga 100,000 Frw. Bikaba bigaragara ko ibikorwa bakora bitari ugufasha ahubwo birimo gushaka inyungu kuko bishyuza. Byongeye kandi amahoro asabwa ni ay'isuku nkuko atangwa n'abandi baturage bose ndetse n'ibigo bimeze nk'iki. |

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali imaze kungurana ibitekerezo k'ubusabe bwa Bwana KAYITSINGA Emile na bagenzi be 30 bwo kugabanyirizwa yafashe umwanzuro ukurikira;

***<u>Umwanzuro 506/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yasabye Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali gukora isesengura ry'abaturage bafite ibibazo by'ubutaka bwabo buri ahagenewe inganda n'ibindi bikorwa remezo (imihanda, ruhurura, …), amashyamba,***

***imyidagaduro,… rigaragaza ibyiciro by'ubutaka, ingano yabwo, icyo bwagenewe, icyo abaturage babukoresha n'ingaruka bifite ku baturage, raporo yayo igatangwa bitarenze ibyumweru bitatu.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***<u>Umwanzuro 507/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ntiyemeje ubusabe bwa Bwana RWAMAKUBA Claudien bwo gusonerwa umusoro w'ubutaka bufite UPI 1/03/08/06/1555 buherereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Masaka, Akagari ka Rusheshe mu Mudugudu wa Gatare kuko impamvu yagaragaje z'uko aho ubwo butaka buherereye nta bikorwa remezo byibanze bihari idafite ishingiro kuko bihari.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***<u>Umwanzuro 508/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ntiyemeje ubusabe bwa Madamu NYIRIMANA M. Therese bwo gusonerwa amahoro y'isuku y'Umuryango utegamiye kuri Leta "Initiative pour le Development de l'Enfant (IDE)", kuko ayo mahoro ategengwa n'Iteka rya Perezida kandi akishyuzwa kubera serivisi ziba zatanzwe (Public Cleaning fees).***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

**<u>INGINGO YA KANE:</u> RAPORO Y'IBYEMEZO BYA BIRO YAGUYE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE KU WA 23 GICURASI 2023**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho raporo y'ibyemezo bya Biro yaguye y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 23 Gicurasi 2023 ku mishinga y'igenagaciro n'uwo kugurisha ibibanza by'Umujyi wa Kigali nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| S/N | INGINGO | Umubare w'abaturage/imitungo | Igenagaciro / Frw |
|---|---|---|---|
| 1. | Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage izagirwaho ingaruka n'umushinga wo kunoza imiturire no kuvugurura utujagari twa Nyabisindu mu Murenge wa Remera | 172 | 2,046,656,601 |

| S/N | INGINGO | Umubare w'abaturage/imitungo | Igenagaciro / Frw |
|---|---|---|---|
| | na Nyagatovu yo mu Murenge wa Kimironko (RDUP II) | | |
| 2. | Igenagaciro ry'imitungo y'abaturage izagirwaho ingaruko ahakorerwa ikiciro cya mbere cy'umushinga wa Bwiza riverside ADHI w'inzu ziciriritse zisaga **2,000** | 20 | 251,157,903 |
| 3. | Kugurisha ibibanza by'Umujyi wa Kigali bihereréyé Nyarutarama, Kacyiru na Kimihurura | 3 | - |

Inama Njyanama imaze kubyunguranaho ibitekerezo yafashe imyanzuro ikurikira:

***<u>Umwanzuro 509/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza raporo ya Biro yaguye y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyari ebyiri, miliyoni mirongo ine n'esheshatu, ibihumbi magana atandatu mirongo itanu na bitandatu na magana atandatu na rimwe (2,046,656,601 Frw) ry'imitungo y'abaturage 172 ihereréyé mu Kagari ka Nyabisindu, Nyagatuvo ahazubakwa imihanda: KG 16 ave, KG 189 st, KG 193 st, KG 236 st, KG238 st, KG 240 st, KG 316 st, KG 279 st, na KG 281 st.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***<u>Umwanzuro 510/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza raporo ya Biro yaguye y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ry'amafaranga miliyoni magana abiri na mirongo itanu na rimwe, ibihumbi ijana na mirongo itanu na birindwi na magana cyenda n'atatu (251,157,903frw) ry'imitungo y'abaturage 20 ihereréyé mu Karere ka Nyarugenge, Umurenge wa Kigali mu Kagari ka Gatare iri ahazubakwa umushinga wa Bwiza riverside ADHI w'inzu ziciriritse.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

UMUJYI WA KIGALI - INAMA NJYANAMA

***Umwanzuro 511/02.06.2023:*** ***Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemeza raporo ya Biro yaguye y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igurishwa ry'ibibanza bitatu (3) by'Umujyi wa Kigali iri mu mbonerahamwe ikurikira:***

| NO | Akarere | Umurenge | Akagari | Umudugudu | UPI |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Gasabo | Remera | Nyarutarama | Kibiraro II | 1/02/13/02/2286 |
| 2. | | Kacyiru | Kamatamu | Kabare | 1/02/07/01/2202 |
| 1. | | Kimihurura | Kamukina | Juru | 1/02/08/01/1769 |

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

**INGINGO YA GATANU: IGENAGACIRO RY'IMITUNGO Y'ABATURAGE IZAGIRWAHO INGARUKA N'IYUBAKWA RY'IMIHANDA ZINDIRO-MASIZI-BIREMBO-GASANZE NA AKARUVUSHA-KAGUGU**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho imishinga y'igenagaciro ry'imitungo y'abaturage izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'ibikorwa remezo nk'uko igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| Umuhanda uzubakwa | Imitungo y'abaturage | | Imitungo ya Leta | | Igiteranyo cya byose | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Umubare | Amafaranga | Umubare | Amafaranga | Umubare w'abaturage | Amafaranga |
| Zindiro-Masizi-Birembo-Gasanze | 767 | 2,164,461,160 | 9 | 7,871,691 | 776 | **2,172,332,851** |
| Akaruvusha-Kagugu | 149 | 827,319,224 | 7 | 30,407,762 | 156 | **857,726,986** |

***Umwanzuro 512/02.06.2023:*** ***Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyari ebyiri, miliyoni ijana na mirongo irindwi n'ebyiri, ibihumbi magana atatu***

***mirongo itatu na bibiri na magana inani na mirongo itanu na rimwe (2,172,332,851Frw) ry'imitungo y'abaturage 767 y'abaturage na 9 ya Leta iherereye mu Karere ka Gasabo ahazubakwa umuhanda Zindiro-Masizi-Birembo-Gasanze.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

***<u>Umwanzuro 513/02.06.2023:</u> Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana n'amafaranga miliyoni magana inani na mirongo itanu na zirindwi, ibihumbi magana arindwi na makumyabiri na bitandatu na magana cyenda mirongo inani n'atandatu (857,726,986Frw) ry'imitungo 149 y'abaturage na 7 ya Leta ahazubakwa umuhanda Akaruvusha-Kagugu.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

**<u>INGINGO YA GATANDATU:</u> IGENAGACIRO RIVUGURUYE RY'IMITUNGO IZAGIRWAHO INGARUKA N'IYUBAKWA RY'ISOKO RUSANGE RY'IBIKOMOKA KU BUHINZI,UBWOROROZI N'IMBUTO MURI KIGALI (WHOLESALE MARKET FOR FRESH PRODUCT)**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho igenagaciro rivuguruye ry'imitungo y'abaturage 100 aho kuba 85 yemejwe n'Inama Njyanama ku wa 09 Werurwe 2023. Igaragarizwa ishingiro ry'impinduka y'igenagaciro zikurikira:

1. Ibibanza 7 byagabanijwemo ibindi 21 (7 subdivisions to 21new plots);
2. Ku mitungo 85 yagenewe agaciro, Umugenagaciro yahinduye agaciro k'imitungo 45 (revised valuation report) bitewe ahanini n'ihinduka ku ngano(quantities) zari zabazwe mbere;
3. Ikibanza 1 muri bibiri, kitari kibaruye cyakorewe igenagaciro rishya;
4. Kuri raporo 85 z'igenagaciro zemejwe, 33 nizo zagejejwe kuri ba nyir'imitungo kuko zitahindutse.

Imaze kubyunguranaho ibitekerezo yafashe umwanzuro ukurikira:

***<u>Umwanzuro 514/02.06.2023:</u> Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yavuguruye umwanzuro wayo No 481/09.03.2023 wemeje igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 85 ringana***

***n'amafaranga miliyari eshatu, miliyoni ijana na mirongo itandatu n'umunani, ibihumbi magana ane na bine na magana atandatu n'abiri (3,168,404,602.frw) rikaba iry'imitungo y'abaturage 100 ringana na miliyari eshatu, miliyoni magana abiri mirongo icyenda n'eshatu, ibihumbi magana abiri na makumyabiri n'ane na magana atanu mirongo itatu n'umunani (3,293,224,538Frw) izagirwaho ingaruka n'iyubakwa ry'isoko rusange ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi n'imbuto muri Kigali (Wholesale Market for Fresh Product) iherereye mu Murenge wa Ndera.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

**<u>INGINGO YA KARINDWI:</u> IGENAGACIRO RY'INYONGERA RY'UMUTUNGO WA GASHUGI INNOCENT**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho umushinga w'igenagaciro ry'inyongera ry'umutungo wa Gashugi Innocent wagizweho ingaruka n'ikorwa ry'umuhanda Inyange-Arena-Rusororo nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| UPI | Ubuso bwatwawe mbere (m2) | Igenagaciro rya mbere/Frw | Ubuso bw'inyongera (m2) | Indishyi y'inyongera/Frw | Icyongerwaho |
|---|---|---|---|---|---|
| 1/02/14/07/84 | 546 | 28,704,213 | 148 | 5,710,328 | Inyongera yatewe n'ubwiyongere bw'ubutaka bwatwawe n'iyubukwa ry'umuhanda Inyange-Arena-Rusororo, aho ingano y'ubutaka yari yarishyuwe mbere y'ikorwa ry'umuhanda yatandukanye n'iy'ubwabazwe nyuma y'aho iyubakwa ry'umuhanda rirangiye. |

Imaze kubyunguranaho ibitekerezo yafashe umwanzuro ukurikira:

***<u>Umwanzuro 515/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ry'inyongera ringana na miliyoni eshanu, ibihumbi magana arindwi na cumi na magana atatu na makumyabiri n'umunani (5,710,328frw) y'umutungo wa GASHUGI Innocent ufite ubutaka bw'inyongera bungana na metero kare 148 (148sqm/m²) bwagizweho ingaruka n'ikorwa ry'umuhanda Inyange-Arena-Rusororo uherereye mu Murenge wa Rusororo.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

**<u>INGINGO YA MUNANI:</u> IGENAGACIRO RY'IMITUNGO Y'ABATURAGE 10 IZAGIRWAHO INGARUKA N'IYAGURWA RY'IBIRO BY'UMURENGE WA KIMISAGARA**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho umushinga w'igenagaciro ry'imitungo y'abaturage 10 izagirwaho ingaruka n'iyagura ry'ibiro by'Umurenge wa Kimisaga hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi no gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali.

Imaze kubyunguranaho ibitekerezo yafashwe umwanzuro ukurikira:

***<u>Umwanzuro 516/02.06.2023</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje igenagaciro ringana na miliyoni magana atatu mirongo inani n'ebyiri, ibihumbi magana inani na cumi na kimwe na magana ane na cumi n'abiri (382,811,412frw) ry'imitungo y'abaturage 10 izagirwaho ingaruka n'iyagurwa ry'ibiro by'Umurenge wa Kimisagara.***

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

13. **<u>INGINGO YA CYENDA</u>: KWIMURA ABATURAGE 14 KU MPAMVU Z'INYUNGU RUSANGE ZO KUBAKA UMUHANDA WINJIRA MU KIBUGA CY'INDEGE MPUZAMAHANGA CYA KANOMBE (KANOMBE INTERNATIONAL ACCESS ROAD) N'IGENAGACIRO RYAYO.**

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yagejejweho umushinga wo kwimura imitungo 14 y'abaturage irimo umwe (1) wa Leta ku mpamvu z'inyungu rusange n'uw'igenagaciro ry'iyo mitungo iherereye mu Kagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe ahazubakwa umuhanda winjira mu kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kanombe (*Kanombe International access road*) mu

rwego rwo kunoza imikorere n'imikoreshereza y'Ikibuga mpuzamahanga cya Kanombe, n'abagana u Rwanda muri rusange.

Imaze kubyunguranaho ibitekerezo yafashe imyanzuro ikurikira:

***Umwanzuro 517/02.06.2023*: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ko imitungo 14 y'abaturage harimo n'umwe wa Leta yimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange zo kubaka umuhanga airport access road uherereye mu Kagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe.**

***Byemejwe n'Abajyanama 10/10***

***Umwanzuro 518/02.06.2023*: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje iganagaciro ringana n'amafaranga miliyoni magana cyenda mirongo enye n'eshanu, ibihumbi magana atandatu na cumi na kimwe na magana acyenda mirongo itatu na rimwe (945,611,931frw) ahazubakwa umuhanda airport access road uherereye mu Kagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe.**

*Byemejwe n'Abajyanama 10/10*

Inama yatangiye imirimo yayo saa tatu za mu gitondo (09h00) iyisoza saa kumi z'umugoroba (16h00).

| **Umwanditsi w'Inama** | **Umuyobozi w'Inama** |
|---|---|
| **BAGUMA Rose** | **Dr. KAYIHURA Muganga Didas** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali** |